CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

UBUTUMWA BW'ABEPISKOPI BUGENEWE UMUNSI MPUZAMAHANGA WO GUSABIRA ABAHAMAGARIRWA UBUTUMWA MURI KILIZIYA NO GUHIMBAZA ISABUKURU Y'IMYAKA 100 IBIKORWA BYA PAPA BYITIRIWE PETERO INTUMWA BIMAZE BIBAYE IBYA PAPA

Ku wa 08 Gicurasi 2022

"Ni jye Mushumba mwiza" (Yh 10, 11)

Intangiriro.

1. Basaseridoti, Bihayimana, Bakristu bavandimwe; Tubifurije Pasika nziza!
Ku cyumweru cya kane cya Pasika kizwi nk'Icyumweru cy'Umushumba mwiza, duhimbaza Umunsi mukuru Mpuzamahanga wahariwe gusabira Abahamagarirwa ubutumwa muri Kiliziya. Ni umwanya wo kuzirikana ko Nyagasani udutora anadutuma ku buryo butandukanye, n'ahantu hatandukanye kugira ngo twamamaze Inkuru Nziza ye, igenewe abantu bose. Kuri uyu munsi, Kiliziya idusaba guhuriza hamwe isengesho kugira ngo dusabire abantu bose, ngo bamurikiwe na Roho Mutagatifu,bumve icyo Nyagasani abahamagarira muri Kiliziya ye.

2.Uyu munsi mukuru uhuriranye no guhimbaza Yubile y'imyaka 100, Ibikorwa byitiriwe Petero Intumwa, bimaze bibaye ibya Papa. Ibi bikorwa bifasha abakristu kumva agaciro ko kugira Abasaseridoti n'Abihayimana kavukire, ndetse bigafasha

.
cyane mu kubategura. Dushimire Imana, kuko ikomeje kudutoramo abo ituma, ngo batumenyeshe amabanga y'Umukiro w'iteka.

3 Ntitwakwibagirwa kandi ko Kiliziya y'isi yose iri mu rugendo rwa Sinodi, aho dusabwa kuzirikana ko tugomba kugendera hamwe, no gufatanya mu butumwa, ntawe duheje, kandi ntawe usigaye inyuma.Mu guhimbaza uyu munsi, Abepiskopi bacu bifuje ko twarushaho kuzirikana ku nsanganyamatsiko igira iti: "**Ni jye Mushumba mwiza**(Yh 10, 11). Kristu ni Umushumba mwiza, uragira ubushyo bwe mu rwuri rutoshye.

1. Kristu ni Umushumba mwiza.

4. Nk'uko Ivanjili y'Umushumba mwiza ibivuga, Yezu Kristu ni we Mushumba mwiza:Azi intama ze kandi azihamagara mu mazina yazo;aziragira mu rwuri rutoshye, kandi akazijya imbere; ubutumwa bwe bw'ibanze ni uguha intama ze ubugingo kandi ubugingo busagambye; yita ku ntama ze, nta wazimukura mu biganza, kugeza ubwo yemera no gutanga ubuzima bwe kubera zo. Yezu ni Umushumba uhuriza hamwe intama ze mu rwuri rumwe. Yemeza ko ari Umushumba mwiza kuko azi neza ko hari abandi baza biyita abashumba kandi ari abacancuro, badashishikajwe n'ubuzima bwiza bw'intama (Reba Yh 10, 1-16).

5. Muri iki gihe,ibirangaza abantu ni byinshi. Abantu bakeneye gutandukanya ijwi ry'Umushumba mwiza n'amajwi y'abacanshuro. Yezu Kristu ni Umushumba mwiza koko. Ni umushumba uzi kurwanirira intama ze ngo hato hatagira icyazihungabanya, cyangwa icyazigirira nabi. Yemeye kwitanga ku musaraba kugira ngo zigire ubuzima. Ntashaka ko hagira n’umwe ugira icyo aba, cyangwa uzimira mu bo Imana Data yamuhaye, ashaka ko bose bakizwa, bakishyira bakizana (Yh 10, 9). Ni Umushumba mwiza uzi neza intama ze. Azi imbaraga zacu, n'intege nke zacu, azi ibyifuzo byacu n’imigambi yacu. Azi aho tuba intwari, n’aho tugira intege nke.

.

6 Natwe abakristu dusabwa kumenya ijwi ry'Umushumba wacu, tukaritandukanya n'amajwi y'abashumba b'abacancuro batuyobya. Dusabwa kwemera kuyoborwa n'Umushumba mwiza,kumwumva no kumwumvira. Duhamagariwe kumukurikira nta wundi wundi tumubangikanyije na We. Kuba intama z'Umushumba mwiza bisaba kandi kuba abahamya b'urwo rukundo adukunda muri bagenzi bacu, kumenya kubatega amatwi, gusangira na bo ibyishimo byabo n'ingorane zabo, kubitaho, kubatabara no kubitangira nka Kristu ubwe.

7. Kuri iki cyumweru twizihizaho Umunsi Mpuzamahanga wo gusabira Abahamagarirwa ubutumwa muri Kiliziya, dusabe Nyagasani kugira ngo abone muri twe, abasore n'inkumi, abagabo n'abagore, twese abakuru n'abato biteguye

kwakira ubutore n'ubutumwa bwo kwamamaza Inkuru nziza y'urukundo rw'Umushumba mwiza. Kiliziya ibinyujije mu bikorwa bitandukanye, ifite ubutumwa bwo guhamagara, gutegura no gutuma abumvise ijwi rya Nyagasani bakiyemeza kumukurikira. Muri ibyo bikorwa, twavugamo Ibikorwa bya Papa byitiriwe Petero Intumwa.

2. **Yubile y'imyaka 100 Ibikorwa byitiriwe Petero Intumwa bibaye ibya Papa**.

8. Basaseridoti, Bihayimana, Bakristu bavandimwe, mu butumwa bwacu twabohereereje ku Munsi Mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa tariki ya 24/10/2021, twabibukije ko twatangiye urugendo rwo kwizihiza Yubile z'impurirane z'Ibikorwa bya Papa by'Iyogezabutumwa. Kuri iki Cyumweru cy'Umushumba mwiza, turahimbaza imyaka 100 Ibikorwa byitiriwe Petero Intumwa, bimaze bibaye ibya Papa.

9 Ibikorwa bya Papa byitiriwe Petero Intumwa, byashinzwe bigamije gutegura Abasaseridoti n'Abihayimana kavukire bo mu bihugu ngenerwabutumwa. Abamisiyoneri bari muri ibyo bihugu, basanze ubutumwa bwabo budashobora

.
gushinga imizi, igihe nta Bogezabutumwa kavukire babonetse. Ku itariki ya 01 Kamena 1889, Nyiricyubahiro Musenyeri Jule Alfonse, wari Umwepiskopi wa

Nagasaki mu Buyapani, yandikiye ibaruwa Jeanne Bigard na nyina Stefaniya Bigard abasaba inkunga yo gushinga iseminari ya mbere muri icyo guhugu. Iyo baruwa ni yo yabaye imbarutso y'ishingwa ry'Ibikorwa byitiriwe Petero Intumwa kuko abo bombi bahise batangira gukusanya inkunga, ndetse bagera n'aho bigomwa inzu nziza babagamo, kugira ngo babashe gufasha Abogezabutumwa bari hirya no hino ku isi. Mu mwaka w'i 1922 ni bwo Papa Piyo wa XI yemeye ko ibyo bikorwa byitiriwe Petero Intumwa, biba Ibikorwa bya Papa.

10. Ibi bikorwa bishishikariza abakristu kumva agaciro ko kugira Abasaseridoti n'Abihayimana kavukire; bikanabasaba kandi kurushaho kwitanga no kugira uruhare mu gutegura abazavamo Abasaseridoti n'Abihayimana. Bifasha amaseminari na za novisiya, haba mu myigire, mu kuzubaka, ndetse no mu mishinga izifasha kurangiza neza ubutumwa zifite. Bifasha kandi Abasaseridoti n'Abihayimana bajya kwihugura kugira ngo bazavemo abarezi ba barumuna babo.

11. Mu guhimbaza iyi sabukuru y'imyaka 100, turashimira Imana ko umubare w'Abasaseridoti n'Abihayimana wagiye wiyongera muri iyo myaka ndetse no mu Rwanda rwacu ukaba warakomeje kwiyongera. Turashishikariza urubyiruko gukomeza kumva ijwi ry'Imana ribahamagarira kwitangira abandi mu muhamagaro wa gisaseridoti no kwiyegurira Imana. Ababyeyi n'abarezi bose muri rusange na bo turabasaba gufasha urubyiruko kumva ijwi ry'Imana nk'uko Umuherezabitambo

Heli yafashije umwana Samweli gusubiza Nyagasani wamuhamagaye gatatu kose ati "Vuga Nyagasani, umugaragu wawe arumva" (1 Sam3,10).

3. Twese duhamagariwe ubutumwa muri Kiliziya

12. Bakristu bavandimwe, mu Ivanjili yanditswe na Matayo batubwira ko Yezu yazengurukaga imijyi n'insisiro yigisha abantu, akiza indwara n'icyitwa ubumuga cyose. Hanyuma abonye abo bantu ngo bari bameze nk'intama zitagira umushumba, abagirira impuhwe, ni ko kubwira abamwumvaga ati "Imyaka yeze ni myinshi, ariko abasaruzi ni bake, nimusabe Nyirimyaka yohereze abasaruzi mu mirima ye" (Mt 9, 35-38).

13. Na n'uyu munsi Yezu aracyazenguruka hirya no hino, tutibagiwe na hano iwacu mu Rwanda. Abo bantu bababaye yagiriye impuhwe bameze nk'intama zitagira umushumba n'uyu munsi baracyariho. Muri bo twavuga: Imfubyi n'abapfakazi, abana bo mu muhanda, urubyiruko rudafite amizero y'ejo hazaza kandi ari rwo Rwanda na Kiliziya y'ejo hazaza, imiryango yugarijwe n'ibibazo by'urusobe; abakene b'ingeri zose, imfungwa, abahungabanye bitewe n'amateka ashaririye ya Jenosidi yakorewe abatutsi igihugu cyacu cyanyuzemo, n'abandi. Abo bose ibyishimo, akababaro n'agahinda kabo, bigomba kuba ibyacu, twe abigishwa ba Kristu (Reba G.S.no1).

14. Nk'uko Nyirubutungane Papa Fransisko aduhamagarira kugendera hamwe, muri uru rugendo rwa Sinodi y'Abepiskopi turimo, birakwiye kandi ni ngombwa ko tuzirikana kuri ibi byiciro by'abababaye tumaze kuvuga, bameze nk'intama zitagira umushumba. Iyo ni yo myaka myinshi yeze idafite abasaruzi bahagije, tukaba duhamagarirwa gusaba Nyagasani ngo adutoremo abasaruzi bitangira izo ntama ze. Ku bw'amasezerano ya Batisimu twahawe, twasezeranye gukurikira Yezu Kristu no kumwamamaza mu buzima bwacu bwose. Ibi ni byo bituma twese,

mu mihamagaro inyuranye, ntawigize ntibindeba, twumva yuko duhamagariwe kwitangira abo bose twavuze badukeneye.

15. Koko rero, twese turahamagarirwa gusaba Nyagasani, ngo agoborere umuryango we Abasaserdoti benshi kandi beza kugira ngo bigishe, batagatifuze kandi bayobore abantu ku Mana. Nk'uko intego ya Sinodi turimo ibitwibutsa,

Abasaserdoti, Abiyeguriyimana n'Abalayiki, twese tugize Kiliziya imwe, tugomba kugendera hamwe, mu bumwe, mu bufatanye no mu butumwa. Nta kuvunishanya cyangwa ngo hagire abahezwa, buri wese agaharanira kuzuza inshingano ze; bityo abo bose bababaye bakishimira kuba mu rwuri rutoshye rw'Umushumba mwiza, Yezu Kristu.

Umwanzuro

16. Basaseridoti, Bihayimana, Bakristu bavandimwe! Kuri uyu munsi duhimbaza Umunsi mpuzamahanga wo gusabira abahamagarirwa ubutumwa muri Kiliziya, na Yubile y'imyaka 100 Ibikorwa byitiriwe Petero intumwa bimaze bibaye ibya Papa, turabashimira mwese mwakiriye ubutumwa mwahamagariwe kuva igihe muhawe Isakramentu rya Batisimu. Dukomeze gusaba Nyagasani, ngo atore mu muryango we, ari wo Kiliziya, Abiyeguriyimana benshi kandi beza, bakwiye kuba koko ibimenyetso by'Ingoma y'Imana muri abo bose bababaye babikesheje urukundo n'impuhwe babagaragariza mu butumwa bwabo bwa buri munsi.

17. Birakwiye ko dusaba Nyirimyaka ngo Abalayiki barusheho kumva umwanya wabo ndasimburwa mu butumwa bwa Kiliziya bahereye iwabo mu miryango, ari nayo Kiliziya y'ibanze. Ababyeyi bongere bazirikane ko gukunda no kwitangira abandi bihera mu muryango; nibatoze abana gukunda isengesho, bakure bumva ijwi ry'Imana ribahamagarira kwitangira abandi mu mihamagaro y'Ubusaserdoti, Kwiyegurira Imana no kubaka imiryango inogeye Imana kandi yitangira ubutumwa muri Kiliziya.

18. Turabashimira kandi inkunga mutanga mu maparuwasi yanyu kuri uyu munsi, ihurizwa mu kigega cya Papa cy'iyogezabutumwa, kugira ngo ijye gufasha amarerero y'abitegura kuzaba Abasaseridoti n'Abiyeguririmana.

Bikiramariya Umwamikazi w'Intumwa adusabire!

Bikorewe i Kigali, ku wa 28 Mata 2022.

+Anaclet MWUMVANEZA,
Umwepiskopi wa Diyosezi ya NYUNDO
akaba na Perezida wa Komisiyo y'Abepiskopi gatolika
mu Rwanda ishinzwe Iyogezabutumwa ku isi yose